# Uko Sempyisi yabaye umukannyi




Sempyisi yari umugabo w'umunebwe cyane, bityo agahora ari umushonji. Nta kintu yari ashoboye gukora. Umunsi umwe yigira inama yo kugura igitabo gikubiyemo amashusho agaragaza uko imyuga gakondo inyuranye yakorwaga. Icyo gitabo cyari cyaracapwe n'abahanga. Kubera ko nta gafaranga yagiraga yaragikopwe maze atangira kugisoma. Yashakaga kwitegereza uko imyuga gakondo ikorwa kugira ngo arebe niba hari uwo yashobora gukora, akabona ikimutunga.

Ku rupapuro rwa mbere ahabona ababaji. Yitegereza uko babaza basatura imbaho aravuga ati: "Sinaba umubaji. Bariya bantu se buriya ntibababara mu mpyiko iyo babaza?" Sempyisi arambuye ku rundi rupapuro ahabona abakannyi barimo bakana inkanda zo kwambara. Banakoraga ishabure mu

ruhu. Sempyisi arabitegereza arangije aribwira ati: “Ndabona ibyo bakora ntabishobora!”

Sempyisi arakomeza arakirambura abona abavumvu bagika imitiba abandi bahakura ubuki. Sempyisi ati: “Nahakura se ntabimenyereye inzuki ntizandwinga? Ahaaa, uyu mwuga w’ubuvumvu sinawushobora!” Ku rundi rupapuro ahabona abagore baboha ibyibo, abagabo babasaturira intamyi. Ku mutima aribwira ati: “Ndabona uyu mwuga ahari ari uw’abagore sinawukora. Reka nikomereze ububoshyi ni ubw’abagore.” Arambuye ahandi ahabona ababumbyi bakata ibumba,abandi banogereza utubindi n’utweso.



Sempyisi ati: “Uyu mwuga sinawushobora. Hirya gato ahabona abahigi, bari kumwe

n’imbwa zabo. Ku mutima ati: “Ubuhigi sinabushobora, nitinyira impyisi sinajya guhiga mu ishyamba ry’inzitane.” Azinga igitabo ashyira nzira arataha.

Mu nzira ahura n’umugore Nyirampyorero. Aramubaza ati: “Ese wa mugabo we ko mbona ibitekerezo byakubanye byinshi, urava he ukajya he?” Sempyisi amutekerereza uko yashakishije umwuga yazakora akawubura. Nyirampyorero aramubaza ati: “None se urashaka gukora uwuhe mwuga?” Sempyisi ati: “Imyuga inyuranye nayitegereje mu gitabo nsanga nta wo nashobora.”

Nyirampyorero amugira inama, amusobanurira ko nta mwuga n'umwe mubi ubaho. Yamubwiye ko buri mwuga iyo uwize ufite ubushake utakunanira. Amusobanurira ko nta mwuga n'umwe ugenewe umugore cyangwa umugabo. Bamara umwanya munini amusobanurira ageze aho arabyumva.

Nyirampyorero yajyanye Sempyisi mu ishyirahamwe yabagamo rikora imyuga gakondo. Abona abasore, inkumi, abagore n'abagabo barimo kwiga imyuga abandi babigisha. Sempyisi yegera abandi atangira kwiga gukana impu. Ntibyatinze arabimenya. Akira ubunebwe atyo ntiyongera kwicwa n'inzara. Ashimira Nyirampyorero wamukijije ubunebwe akamutoza umwuga.

**Ibibazo byo kumva inkuru :**

1. Ni nde uvugwa cyane muri iyi nkuru? Yarangwaga n'iki?
2. Rondora imyuga gakondo inyuranye ivugwa mu nkuru.
3. Igitabo Sempyisi yagiye kugura yagishakiraga iki?
4. Ni nde ushima muri iyi nkuru? Uramushima iki?
5. Ni irihe somo ukuye mu nkuru?
6. Uburinganire n'ubwuzuzanye mu myuga bisobanura iki?